

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME
MU GIKORWA CYO GUSHYIRA IBUYE RY'IFATIZO
AHAZUBAKWA URUGO MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO
(ECD)**

Rutsiro, ku wa 18 Mutarama 2017

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,
Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Uburengerazuba,
Mayor w'Akarere ka Rutsiro,
Bayobozi mu nzego zitandukanye,
Esteemed Partners from Tamari Foundation,
Bafatanya bikorwa mwaje kwifatanya natwe,
Baturage bo mu Karere ka Rutsiro,
By'umwihariko abatuye Umurenge wa Kivumu,
Babyeyi namwe bana bacu,**

Muraho!

Mbanje kubashimira ko mwigomwe ibyo mwakoraga kandi bibafitiye akamaro, tugahurira hano, ngo tunganire uko twakomeza kunoza imikurire iboneye y'abana bacu. Ibi biragaragaza ishyamba n'urukundo mubafitiye.

Mu kwezi k'Ukwakira 2016, hatangijwe ubukangurambaga bw'umuryango- wo shingiro ry' iterambere ry'igihugu cyacu. Turashimira ababyeyi ko muri rusange babyitabira, bakagera umwanya mwiza abagize umuryango wose, hagamijwe ko buri wese agira ubuzima bwiza, no kwita ku burezi n'uburere bw'abana.

Babyeyi,

Kwita ku buzima bw'umwana, bitangira kare:

- Bihera mu kuganira ku mubare w'abana mwifuza kuzabyara mugendeye ku bushobozi mufite nk'umuryango,
- Kubungabunga ubuzima bw'umubyeyi utwite.
- Guteganyiriza umwana uvutse ibyangombwa bizamufasha mu mikurire ye.

Tumaze gushyira ibuye ry'ifatizo ahazubakwa Urugo mbonezamikurire y'abana bato (*Early Childhood Development Center*) muri aka kagari ka Karambi.

Nifuzaga kwibutsa ko Gahunda mbonezamikurire y'abana bato (*ECD program*), ari serivisi zikomatanijye zihabwa abana kuva basamwa kugeza bafite imyaka itandatu ndetse n'ababarera, (*Children and care givers*) hagamijwe imikurire yabo myiza haba mu gihagararo, mu mikorere y'umubiri, mu bwenge, mu mibanire n'abandi no gukura batekanye.

Urugo mbonezamikurire rwo rukaba ari ahantu hose hatangirwa serivisi navuze haruguru. Hashobora kuba ari ikigo nk'aha tugiye kubaka (*ECD Center*), bishobora gukorerwa imuhira (*Home visit by Caregivers*) cyangwa se hamwe mu hantu hizewe ababyeyi bihitiramo (*Home-based care*).

Impamvu nyamukuru yo kwita kuri iki kiciro ni uko ariho ubwenge bw'umwana bukura kandi ku rugero rwihuse.

Nk'uko Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yabivuze, ubushakashatsi ¹bugaragaza ko ku myaka itatu(3) imikurire y'ubwonko iba imaze kugerwaho ku kigero cya 80%, hanyuma 20% isigaye ikagerwaho ku myaka itandatu.

Ni igihe cyo kwitondera cyane, kuko iyo umwana atitaweho muri iyi myaka, biragora kuba wabigarura. Nyamara iyo yitaweho neza, aba abonye ireme-fatizo ry'ubuzima bwe bwose. Agira ubwenge bwagutse, akigirira icyizere, akarangwa n'imyitwarire myiza irimo kubaha abandi no kubahiriza inshingano ze neza, kandi agahora atekanye.

Gahunda mbonezamikurire y'abana bato, Abanyarwanda twanayumva vuba kuko mu bumenyi no mu mibereho yacu kwita ku bana si bishya.

Murabizi neza ko mu muco wacu umugore utwite yubahwaga cyane kandi akarindwa icyamuhungabanya icyo aricyo cyose mu rwego rwo kurinda umwana atwite.

Mu mubano w'abashakanye, harebwaga niba nta sano abo bantu bafitanye kugira ngo abana babyara batazavukana ingorane zituruka ku mikorere y'umubiri wabo (*deformations congenitales*).

Muzi umuco wo « ***Kwaramira umugore utwite*** » wakorwaga, aho abagize umuryango bagenaga umuntu ujya gufasha umubyeyi

¹ Dr. James Heckman, Investing in Early Childhood Development

utwite, kugira ngo arindwe imirimo ivunanye yagira ingaruka ku mwana atwite, nko gukuramo inda n'ibindi...

Muribuka kandi ko umubyeyi wabyaye yabaga azi neza ko agomba konsa igihe kirekire kandi akifata igihe umwana amaze kuvuka kugira ngo atongera gusama. Byabaga bigamije kurinda umwana wavutse, bigatuma akura neza kandi agahabwa urukundo ruhagije.

Ibyo byose tuvoma mu mucu wacu, nibyo ubuvuzi bugezweho bushingiraho, ndetse n'iyi gahunda tubabwira uyu muni. Dukeneye gusa kubyumva kurushaho, no kubishyira mu bikorwa.

Ni ngombwa kwimakaza indangagaciro z'Ubunyarwanda mu miryango yacu, tukazitoza abana bakiri bato kugira ngo bazikurane, nabo bazazitoze abazabakomokaho, bityo dukomeze gusigasira wa muryango mwiza ubereye umwana.

Urugo mbonezamikurire rero, ni kimwe mu bizafasha abana bacu cyane abatuye muri aka gace ndetse n'ahandi iyi gahunda igenda igera. Muri uru rugo, abana bafashwa kuvumbura impano zabo bakiri bato, kugira isuku no kwita ku bintu n'abantu bibakikije. Batozwa gukina no gusabana n'abandi bana, binyujijwe mu mikino yabugenewe, ituma ubwonko bwabo bukanguka. Batozwa kandi

kwinjira mu kiciro cy'amashuri abanza, aho biga kuvuga mu ruhame, gusoma ndetse no kwandika.

Esteemed partners from Tamari Foundation,

We are grateful for your generous contribution, which supports our national efforts for the promotion of Early Childhood Development.

As the saying goes **'It takes a village'**, we are reminded here today, that all of us in our own capacity, have the ability to impact change in our communities, so our precious children can receive the best care they deserve, for them to fully thrive.

Turashimira abafatanyabikorwa bacu, Tamari Foundation, kuri iki gikorwa cyiza cyo kwibuka ababyeyi batuye muri aka Karere Ka Rutsiro; babagenera impano iruta izindi, ariyo yo kuzirikana ku burere bw'abana babo! Mumfashe tubashimire.

Iki gikorwa cyo gushyira ibuye ry'ifatizo ahazubakwa urugo mbonezamikurire y'abana bato, kigamije kubashimira imbaraga mutanga mu bindi bikorwa binyuranye, bigamije iterambere ry'aho mutuye cyangwa mukorera - *Giving back to the community* - aya mahirwe muhawe ntimuzayapfusha ubusa!

Intego y' Imbuto Foundation, ni uko nibura buri Karere kagira Urugo mbonezamikurire rw'icyitegererezo - **Model ECD Center** - kandi hamwe n'abafatanyabikorwa dukorana, turizera ko tuzabigeraho.

Turasaba ababyeyi muri rusange, ko iyi gahunda twayigiramo uruhare ku nzego zose, tugatanga umusanzu wacu uko dushoboye, twibuka neza ko **“Ak'imuhana kaza imvura ihise!”**

Mu rwego rwo kugeza ubumenyi ku mubare munini w'abana n'ababyeyi, hari gahunda zagenewe ababyeyi batwite ndetse n'abana bato. Abahuguwe ku mbonezamikurire y'abana bato bafasha ababyeyi imuhira aho batuye. Bahugurwa mu gutegura indyo yuzuye irimo intungamubiri, kugira isuku mu rugo naho dutuye, kwizigamira no kwibumbira mu matsinda akora ibikorwa bibyara inyungu, bitabujije no gutekereza ibindi bikorwa byabagirira akamaro.

Uyu munsi dufite Ingo mbonezamikurire 10 mu turere 10, harererwamo abana 6,067; ndetse n'ababyeyi 6,034 bitabira ibikorwa bya buri munsi, tukaba duteganya gufungura izindi muri uyu mwaka.

Turashimira abayobozi mu nzego zose, ubufatanye bagira mu bikorwa bitandukanye by'Imbuto Foundation, bigamije guhindura imibereho myiza y'abatuye Akarere ka Rutsiro, tunabasaba ko bakomeza kubigira ibyabo.

Nagira ngo nsoze nkomeza kubifuriza umwaka mwiza wa 2017: Turusheho kwita ku bana bacu, tubaha uburere bwiza, buzabafasha kugira imibereho myiza mu gihe kiri imbere, ari nabyo bizadufasha gukomeza kubaka u Rwanda twifuza.

Murakoze, mugire umunsi mwiza!